**ICYEMEZO n° 15/2021/TB/BWS GITEGEKA UKURIKIRANWEHO ICYAHA KWITABA MU GIHE CY'UKWEZI**

Umunsi wa 30 w'ukwezi kwa Nyakanga, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'umwe;

**Twebwe SIMUGOMWA Severin**, Umucamanza w'Urukiko rw'Ibanze rwa **BWISHYURA**, dufashijwe na **Habimana Sylvain**, Umwanditsi w'urwo Rukiko;

**Tumaze** kubona ko kuwa **04/11/2020** Ubushinjacyaha bwashyikirije Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura ikirego **RP 00509/2020/TB/BWS** buregamo **Hagenimana jean pierre** akurikiranyeho icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya **121 y'**Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**Tumaze** kubona ko mu iburanisha ry'uru **RP 00509/2020/TB/BWS** ryo kuwa 24/06/2021, ubushinjacyaha bwashimangiye ko bwareze **HAGENIMANA Jean Pierre** nk'uwatorotse ubutabera ndetse bikaba bigaragara mu nyandiko ikubiyemo ikirego cyabwo;

**Dushingiye** ku ngingo za 160, 161 na 162 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

**Dutegetse ko HAGENIMANA Jean Pierre** mwene **mwene YANKURIJE Anastasie na NZARAMBA** Eliackimu wavutse mu mwaka wa1985 avukira mu Ntara ya iburengerazuba Akarere ka karongi Umurenge wa Mutuntu Akagari ka Murengero Umudugudu wa Uwiraro , ni naho atuye, ukora akazi k'ubuhinzi, Tel No : +250789300703, umunyarwanda, akurikirannwe yaratorotse ubutabera yitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura kuwa **16/09/2021, i saa mbiri** za mugitondo kugira ngo aburane, natitaba, hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, urubanza rwe ruburanishwe.

**Dutegetse ko** mu gihe cy'iminsi umunani (8) iki cyemezo kikamanikwa ahabugenewe ku biro by'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura, Urubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga, ibiro by'Akagari ka **Murengero,** umurenge wa **Mutuntu**, akarere ka **Karongi.**

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

SIMUGOMWA Severin

UMUCAMANZA

HABIMANA Sylvain

UMWANDITSI